# 44: Izina rya Yesu Kristo

1.

Izina rya Yesu Kristo, Riho rahw iminsi yose. Iryo zina n'iry' iteka, Kandi nta bwo rihinduka.
Rikwiriy'abantu bose, Abasaza n'abasore.Rishobora kuyobor' u muntu wes' ushak' Imana.

Ref:

Iryo zina ndarikunda. Rinezeza mu mutima. No kubw’ iryo zina ryiza, Nanjy
nahawe agakiza.

2.

Iryo zina ryamamaye Mu mpande zose z'iyi si. Rizanir' abantu bose Ibyiringiro
bizima. Iryo zina rishobora Kudukurah' ubugome.Rigatuma, mu mutima Hategekwa n'Umukiza.

3.

Iryo zina rishobora Kumurika mu mwijima. Rishobora kuyobora Inzira nshya
y'ubugingo. Nahw izuba ryakwijima, Iryo zina, ryo riraka.Rihimbazw' iteka ryose
Mw isi ndetse no mw ijuru.

Visit us at indirimbo.com